Twigeze kubabwira ko muri CYANGUGU hari umwuka mubi mu mashuri, bitewe n'uko Ministre MBONIMPA yahinze ubudehe muri ba inspecteurs n'abarimu ba CERAI abirukana. Tumaze rero kubona amakuru arambuye aturutse i CYANGUGU atubwira ko mu ntangiro z'iki cyumweru, Ministre MBONIMPA Yohani Mariya Viyane, magara ntunsige wa Fawustini TWAGIRAMUNGU bita RUKOKOMA yasohoye amateka ateye ubwoba adafite aho ahuriye n'amategeko agenga amashuri abanza n'ayisumbuye.

Ubundi ubusanzwe abayobozi b'ibigo bya CERAI bashyirwaho koko na Ministre, ariko abahawe na ba nyir'ibigo. Uko ni ko itegeko rimeze ririho. Bakavuga rero bati"MBONIMPA we yicaye mu biro bye noneho bamugezaho amazina y'ibigo bya CERAI biriho, abatari muri M.D.R TWAGIRAMUNGU bose abavanaho. Yahuka muri ba Inspecteurs de secteurs batayobotse M.D.R RUKOKOMA bose abavanaho. Abo bose yabasimbuje abazi gufata ubuhiri n'ibihoro, bakayobora

imyigaragambyo igamije kwica ya M.D.R RUKOKOMA.

Bati "muri Komine GATARE, uwitwa MAGERA uhora ubona amanota mabi yasimbuye umurusha amanota kandi wemewe n'abanyamadini n'abandi bose bashyira mu gaciro.

Naho muri Komine GAFUNZO, Inspectrice de secteur washyizweho na Madamu UWILINGIYIMANA Agata ahiritswe n'abaswa mu burezi kandi ahorana amanota meza ngo nasimburwe n'uwitwa Viateur wayoboye ibitero byinshi muri GAFUNZO ashyamiranya amashyaka. Umwana wa Viateur wari umaze umwaka hanze atiga mu mwaka w'amashuri wa 92 - 93, uwo mwana wa Viateur ubu yimuriwe mu mashuri makuru, mu mwaka wa mbere adakoze ikizami nk'abandi banyeshuri.

Viateur kandi ya... yigeze kwitoresha ku ngufu ngo abe Diregiteri w'amashuri abanza kuko yashyize aba J.D.R mu mihanda umunsi w'amatora, abandi akabashyira ahagana aho amatora yaberaga, bagenda bavuga nyine abo ba J.D.R, bakavuga ko umwarimu udatora Viateur atabona aho aca, adataha. Icyo kigo rero Viateur uwo ayobora kubera ko ari icy'Abapadiri, abo Bapadiri bakaba bamutinya bamwita GAHINI baramwihoreye.
Naho uwita VUNABANDI wananiranye muri MIJEUMA ubu ngo bamuhaye CERAI kuko afatanya na Viateur kuyobora ibitero aho ngaho.

Muri Komine KAGANO na ho izo mvururu zarahageze, Inspectrice NYIRARUKUNDO washyizweho na Madamu UWILINGIYIMANA Agata na we bamusimbuje Umututsi utarigeze wigisha primeri cyangwa ngo yige ibyo kwigisha. Gusa kuko MBONIMPA na RUKOKOMA bakorana cyane na P.L Lando na F.P.R, MBONIMPA yashatse kubashimisha abarebera akanya k'ubutegetsi muri Secteur scolaire ya KAGANO, uwo Mututsi mwene Solve IYAMUREMYE yigishaga imibare aho bita muri Normali y'abahungu i NYAMASHEKE, ni we wari umwarimu mukuru w'imibare muri... mu ishami ry'imibare nyine aho ngaho imaze imyaka...i...i... ishuri rikaba rimaze imyaka ine rihatangiye.

Izo mvururu zakomeje zitera muri Komine GISUMA noneho no muri CERAI y'i GIHEKE n'iya Komine GISUMA. Inama ishinzwe uburezi muri Komine yarateranye iha Ministre abantu babiri bafite amanota meza, cyane cyane ariko babicishije kuri Inspecteur w'Ifasi. Umwe muri abo barimu babiri yahoranaga amanota "élite", gusa kuko yigisha e... akagira amanota "élite", kuko yigisha abana bagatsinda cyane. Ayo mazina rero yageze kwa Ministre MBONIMPA ayakuba na zeru ashyiraho uwitwa Jérôme uhagarariye M.D.R TWAGIRAMUNGU muri Komine GISUMA, akaba umugaragu cyane wa SERUBYOGO umukozi wa TWAGIRAMUNGU. Uwo Jérôme yari Secrétaire wa Insper... de secteur wa GISUMA kandi ntabwo yari mu barimu bashimwa.

Ubwo budehe MBONIMPA ahinga mu ba Inspecteurs bwarakomeje bugera muri Komine KARENGERA. Nk'uko R.T.L.M iherutse kubivuga ivanwa... ivanwaho ry'abayobozi b'ibigo by'amashuri, abayobozi rero bane bose MBONIMPA yabakubise hasi ngo arahima Ministre NTAGERURA, nyamara yibeshya cyane, ahubwo amukomeza.

Imvururu zirakomeza zigera muri KAMEMBE na ho kimwe no muri GISUMA, CERAI y'aho yashyizwemo uwo nyir'ikigo atamuhaye. No mu yandi makomine y'i CYANGUGU hose ni uko bimeze. Umu correspondant wacu rero ati "umuntu yakwibaza niba M.D.R RUKOKOMA yifuza ko imyigishirize y'abanyagihugu itera imbere koko". Ati "na we se, SERUBYOGO ufite imyaka itatu y'amashuri abanza ni we ushyiraho abayobozi b'amashuri, yewe no mu gihe cy'Agata ni we wabashyiragaho". Ati "kandi kuba Inspecteur de secteur cyangwa umuyobozi w'amashuri ni ukuba téchnicien muri byo, muri ibyo by'amashuri nta ho bihuriye no gufata ubuhiri n'imipanga wirukanka inyuma y'Abahutu ubica". Ati "hagombye rero gushyirwa imbere abazi uwo mwuga w'uburezi kurusha abandi bagaba ibitero n'amahoro n'amacumu". Ba Inspecteurs batazi gufata ubuhiri n'imihoro babahinzemo ubudehe. Ati "ese i CYANGUGU nta wundi mutegarugori waboneka ngo niba... nibura asi... asimbure umwe muri bariya agire ahandi ashyirwa"? MBONIMPA, SERUBYOGO n'abandi bamugira inama nka RUGIRA Amandini na NYILIMBIBI bakabije gusuzugura abari n'abategarugori b'i CYANGUGU.

Nuko umu... umu correspondant wacu ati "umwanzuro umuntu yafata ni uko Faustin

TWAGIRAMUGU, MBONIMPA, abamugira inama nka SERUBYOGO, RUGIRA Amandini na NYILIMBIBI Alufonsi, ati abo bose ni abo kwamagana cyane kuko bashaka gusubiza urubyiruko inyuma kandi bikaba bisuguza, basuzugura amategeko ari mu gihugu". Ngibyo rero ibibera i CYANGUGU hanyuma tukibaza uwabihana uwo ari we, ubwo rero abategetsi, niba koko ubutegetsi buriho, ubwo bakwiye guhagurukira ibyo bintu, bakareka abantu bazi umwuga bakawukora kandi ntibavange iby'umwuga n'ibya politike.

Mukomeze rero mwumva umuzika kuri R.T.L.M, Radiyo yanyu.

...de hakaba ari umuntu wahapfiriye, undi bakaba bamuciye ukuboko, ndetse abo bagizibanabi bakaba grenade mu ba jandarume, ariko abajandarume ntihagire ukomereka. Ubu rero mu mwanya tumaze kumenya ko imihanda y'aho ngaho muri GISHUSHU abaturage bamaze kuyifunga bigaragambya bavuga ko ibyo bintu badashobora kubyemera, ko Inkotanyi zidashobora gukomeza kubashomboramo abantu ngo babyemere. Tubibutse ko ku itariki makumyabiri n'enye, mu ijoro ryo ku itariki makumyabiri n'enye, aho na none hari havugiye amasasu menshi cyane y'urufaya hanyuma hagapfa umugabo witwa SEBURIKOKO bamurashe. Ndetse ankete zarakozwe, Prefe wa Prefegitire y'umujyi wa Kigali, Koloneli RENZAHO Tarsisi akaba yaragize icyo abivugaho mu ijambo twanyujije kuri R.T.L.M asaba abaturage ko bakwitonda ko ankete zigikorwa. Mu gihe rero ankete zari zigikorwa baraye bongera... bongeye bakora mu baturage babicamo na none abantu bakomeretsa n'abandi, none abaturage bafunze imihanda, R.T.L.M ikaba yoherejeyo abanyamakuru bayo, ubwo mbere yo gufunga ibyuma byacu saa sita baraba bagarutse tubabwire uko byifashe aho ngaho.

Indi nkuru itugeraho ni uko amamodoka ya Centre IWACU KABUSUNZU abantu baba barimo kuyahiga ngo bayafate biturutse ku rubanza Entrepreneur MURARA Damascène yagiranye na Centre IWACU, uwo rero MURARA a... ngo akaba yarafitanye kontaro na Centre IWACU ya KABUSUNZU agomba kuyikorera imirimo noneho atayirangije neza hanyuma Centre IWACU ngo ifata ibikoresho byari sa... chantier, ariko ngo imirimo ikaba yarahagaze, centre IWACU uwo Entrepreneur MURARA ayisigayemo amafranga ibihumbi magana arindwi. Hanyuma rero Centre

IWACU yaje kurega uwo Entrepreneur MURARA, inkiko zivuga ko ikirego nta shingiro gifite, ahubwo uwo Entrepreneur MURARA we arega centre IWACU ko yamufatiye ibintu, ayirega n'indishyi z'akababaro, ubu bikaba bibarirwa muri miliyoni cumi n'umunane. Ariko icyo abantu bavuga ni uko uwo Entrepreneur MURARA Damascène ari Umututsi, Fonctionnaire dirigeant na we ngo akaba ari Umututsi ndetse n'avoka witwa MUGABO Piyo na we akaba ari Umututsi wo muri P.L Lando, akaba rero ngo ari akagambane kashobora kuba gaturuka ku moko, gashobora kuvana muri Centre IWACU amafaranga y'akayabo miliyoni cumi n'umunani kandi ubundi ikibazo cyararebaga amafaranga atarenze ibihumbi magana arindwi. Ngibyo rero iby'inda muri iki gihe bivanze n'ubugambanyi n'ubugizibwanabi.

(Musique)

...na magana atanu. Nshuti mutwumva iyo tuvuze demokrasi ishingiye ku mashyaka menshi, tuba tuvuga ko tugomba kwemera ibitekerezo binyuranye. Kuko iyo ibitekerezo bitanyuranye na demokarasi iba ihari. Hanyuma hari n'undi mugabo w'umuhanga wigeze kuvuga ati "tugomba kwemera ko ibitekerezo bibi bivugwa kugira ngo ibyiza birushe ku... birusheho kugira agaciro". Ati "kuko ibitekerezo bibi bitavuzwe ntabwo wamenya ibyiza na byo ko bibaho". Ibibi rero n'ibyiza biragendana nk'uko Abanyarwanda babivuze. Nkaba mvuze rero ibyo ngibyo atari ukugira ngo wenda nteshe agaciro inyandiko ngiye gusoma, ahubwo ngira ngo mbabwire ko muri demokarasi tugomba kwemera ibitekerezo ibyo ari byo byose, noneho buri muntu akishungurira akumva ibyiza, akumva ibibi cyangwa se mu byo abonye akagenda ashungura wenda agasanga byose atari bibi, harimo ukuri noneho akagenda yitoranyiriza, muri demokarasi rero nk'uko babivuga ni ugushungura.

Nkaba ngira ngo mbagezeho ibaruwa Prezida na...nanjye ngo Prezida, ibaruwa, urwandiko rufunguye ubuyobozi bw'ikinyamakuru KANGURA bwandikiye Prezida wa Republika bukaba bwashyizweho umukono nyine na Diregiteri w'icyo kinyamakuru KANGURA, NGEZE Hassan benshi bazi.

NGEZE Hassan rero, Deregiteri wa journal KANGURA, ati "Nyakubahwa Prezida wa Republika, tubandikiye uru rwandiko tugira ngo tubagezeho ibitekerezo byacu ku bihe biri imbere. Aha turavuga ibihe muzaba muri mu rugendo. Mu nama yahuje abanyamakuru ba KANGURA, ku murongo w'ibyigwa harimo aho politike y'u Rwanda igeze. Twibanze cyane cyane ku byerekeye wa mugambi wari wateguwe wo guhi...wo... wo gukora coup d'Etat constitutionnel. Nk'uko namwe mubizi umugambi waje kuburiramo kubera ubuhanga n'ubwitonzi mwagaragaje muri uno mukino wa politike. Uko intambara y'amagambo n'amatangazo yagenze murabizi. Ibitutsi biranga abantu batigeze uburere byavuye mu kanwa ka KAVARUGANDA ntibyari bishingiye ku busa. Usibye ko kuvuga aha, ure... usibye ko vuba aha azabiryozwa n'inzego zibishinzwe. Hari abantu benshi tudashobora kwihanganira; abantu batuka ku mugaragaro Umukuru w'igihugu ushyigikiwe na benshi. Ku byerekeye inama twakoze twasanze ibintu biteye bitya :

1. Agatsiko ka F.P.R : TWAGIRAMUNGU, Agata na KAVARUGANDA kateguye umugambi wo kuzakora irahira ubwo muzaba mwagiye mu mihango y'ishyi... y'ishyingurwa ry'umukambwe Félix HOUPHOUET BOIGNY wa Côte d'Ivoire. Icyo gihe muzamara gufata indege mwerekeza iyo Radiyo Rwanda itangire gusakuza ngo murahunze. Maze abaturage tubashyigikiye dute umutwe. Ka gatsiko ka ya mashyaka M.D.R, P.L, P.S.D na P.D.C gaterane kemeze ko amahanga yabagarura ku ngufu maze ibyitwaga urugendo bihindurwemo gutoroka. Hazahita hemezwa umugambi wo kurahizwa kwa ba bategetsi babogamiye ku Nkotanyi, maze imihango ibere mu nzu icumbitswemo n'ingabo za O.N.U. Ubwo coup d'Etat ibe irabaye. Intambara y'ababashyigikiye itangira. Dutangire turwane n'abo batwibye ubutegetsi maze hameneke amaraso menshi. Uwo mugambi kandi Inkotanyi ziwushyigikiwemo n'imwe muri Ambasade y'amahanga ikorera i KIGALI, ariko tudashatse kuvuga izina muri uru rwandiko". NGEZE Hassan rero ati "icyo twabasaba Nyakubahwa Prezida ni ukwihangana ntimujye muri iriya mihango izaba tariki ya karindwi Gashyantare mirongo cyenda na kane. Bityo mukomeze mudufashe guhangana na kariya gatsiko kabatinya".

Ati "icya kabiri twabasaba Nyakubahwa Perezida, imibonano mwari kuzagirana na Prezida w'u Bufransa mushobora no kuyikora mubinyujije mu zindi nzira za politike cyangwa se mukoherezayo

umwe mu bajyanama banyu mwemera, ataboneka hakagenda Enoke RUHIGIRA".

Ati "icya gatatu twabasaba Nyakubahwa Prezida wa Republika ni ugutegura indi diskuru mwazasoma mu mpera z'ukwezi, maze mukongera kugaragariza amahanga cyane cyane abadufashije muri ariya masezeramo y'Arusha uko ikibazo giteye n'abanga ko ubutegetsi bw'inzibacyuho bujyaho. Bityo amahanga akomeze asobanukirwe neza ubugambanyi bwa F.P.R na TWAGIRAMUNGU bashaka kugeraho. Nibijya biba ngombwa twebwe abaharanira ubusugire bwa Republika tuzajya twerekana ingufu zacu, ariko tubikore mu buryo bwemewe n'amategeko. Bityo amahanga arebe uko rubanda itekereza ku bibazo by'igihugu cyacu".

– NGEZE Hassan ati "uru rwandiko tubagejejeho e... tugira ngo mwongere mubitekerezeho, hato kariya gatsiko katazitwaza ko karahiye mudahari n'amaraso yari kuzameneka abe atakimenetse".

NGEZE Hassan ati "ngibyo ibyavuye mu nama n'abanyamakuru ba KANGURA, yateranye yiga aho politike y'u Rwanda igeze". Nuko NGEZE Hassan arabisinyira, avuga ko abimenyesheje abanyamakuru bose. Ngiyo rero demokarasi, buri muntu agomba kugaragaza ibitekerezo bye, noneho ababyumvise bagashungura, bakarebamo ukuri, bakarebamo ibyo bemera n'ibyo batemera, R.T.L.M rero ikaba ishyigikiye demokarasi itaniga ibitekerezo, ngibyo ibitekerezo bya NGEZE, mwishungurire kandi n'uwo abigejejeho na we yishungurire.

– Mukomeze rero mwumva R.T.L.M. Ariko mbere y'uko mbumvisha umuzika nagira ngo mbabwire indi nkuru. Indi nkuru sinzi niba mwarigeze kumva umuntu witwa TUMUKUNDE, Liyetona Koloneli TUMUKUNDE, ngira ngo mwigeze kumva amakamyo yigeze gufatirwa mu RUHENGERI agemuriye Inkotanyi, ku nzandiko rero za... zahaga uburenganzira ayo makamyo yagemuriraga Inkotanyi byaba imbunda, byaba ibindi yabaga asinyweho na Liyetona Koloneli TUMUKUNDE ushinzwe police mu Bugande, police militaire mu Bugande. Inkuru itugeraho rero iratumenyesha ko uwo Liyetona Koloneli TUMUKUNDE yi... yitabye Imana ejo. Yitabye Imana ejo, bikaba byatangajwe n'ikinyamakuru New Vision cyo mu Bugande.

Twakunze kubabwira ko i...butegetsi bw'inzibacyuho bwakunzwe kurangwa cyane cyane n'akaduruvayo no kutubahiriza amategeko nk'ubujura n'ibindi byinshi. Akaduruvayo rero muri iki gihe karavugwa muri Banke Nasiyonali y'igihugu. Ako kaduruvayo kakaba karaturutse ku ibaruwa Ministre w'Imari, Bwana RUGENERA Mariko yandikiye Bwana Jerari NIYITEGEKA, Premier Vice-Gouverneur wa Banque y'igihugu, iyo baruwa a...rengagiza amategeko avuga ko Guverineri wa Banke Nasiyonali y'u Rwanda ashyirwaho na Prezida wa Republika, akoresheje arrêté présidentiel kandi bivuye mu nama ya Guverinoma. Ndetse n'amasezerano ya Arusha yemeza ko Guverineri wa Banke Nasiyonali ashyirwaho na Prezida waku... wa Republika, akoresheje arrêté présidentiel. Ubwo rero Bwana RUGENERA Mariko agashingira ko Bwana NTIRUGIRIMBABAZI Denis ari umuntu ukuze wagombaga gucyura igihe cye noneho Ministre w'Intebe UWILINGIYIMANA Agata akaba yaramwandikiye ibaruwa imubwira ko a... yongerewe gukora kugeza ku itariki ya cumi Ukuboza mirongo cyenda na gatatu. Ubwo rero mu gihe nta Guverineri urajyaho ashyizweho na Prezida wa Republika, Ministre RUGENERA ati "jyewe ndi igihangange, nanditse ibaruwa nshyizeho Guverineri a.i wa Banke y'igihugu. Ubwo Ministre akirengagiza ko nta burenganzira abifitiye, ko kandi Guverineri wa Banque y'igihugu ari umuntu ukomeye, atashyirwaho n'ibaruwa ya Ministre, i... ibaruwa gusa! Nta n'ubwo ari arrêté ni ibaruwa yamushyizeho. Ubwo rero amaze kumushyiraho, NIYITEGEKA na we, NIYITEGEKA na we ni bwo ahise abwira abakozi ati "guhera ubu ngubu nkurikije ibaruwa ya Ministre yanyandikiye", ati "guhera ubu ngubu ni njyewe Guverineri, ni jye uzajya usinya, ni jye uzajya ukora byose", ati "bakozi ba Banke Nasiyonali mwese mubimenye".

Ubwo ama... amaze kubisinya na we, tariki makumyabiri n'eshanu z'ukwezi kwa mbere mirongo cyenda na kane, avuze ko noneho ari we ubaye Guverineri akurikije ibaruwa Ministre yamwandikiye, NTIRUGIRIMBABAZI Denis, Guverineri aravuga ati "ibintu ntabwo ari byo". Yandika na we itangazo, aryandikira abakozi ba Banke Nasiyonali arababwira ati "ndabibutsa bakozi mwese ko Banke Nasiyonali y'u Rwanda, ko e... Guverineri wa Banke Nasiyonali y'u Rwanda ashyirwaho na Prezida wa Republika". Ati "rero ububasha bwo gushyiraho Guverineri, kumushyiraho no kumuvanaho bu... tangwa gusa, bufitwe gusa na Prezida wa Republika. Ati "ubwo rero ibaruwa ya Ministre w'imari, Bwana RUGENERA Mariko yo ku itariki mirongo itatu n'imwe Ukuboza mirongo

cyenda na gatatu, ati nta gaciro ifite". Ati "ubwo iyo baruwa nyine ni yo yashyiragaho Bwana NIYITEGEKA Jerari, ee...imugira Guverineri a.i.", nuko ati "rero nta shingiro ifite", ati "kuko e... Banke Nasiyonali y'u Rwanda, umugo... Guverineri wa Banke nkuru y'igihugu ashyirwaho na Prezida wa Republika. Ngibyo rero. Ubwo na bwo ee... NTIRUGIRIMBABAZI iyo baruwa yayanditse ku itariki makumyabiri n'esheshatu Mutarama iryo tangazo rya NIYITEGEKA ryasohotse tariki makumyabiri n'eshanu Mutarama.

Ubwo rero, ibintu birakomeza. Kubera ko uku...ee... akurikije, akurikije iriya baruwa kuko yari yabaye Guverineri yashoboraga kuba yasinya, noneho ubwo NTIRUGIRIMBABAZI yarongeye yandikira ibaruwa yandikira abafatanya na Banke, aba clients bayo, abandikira rero mu gifaransa avuga ati "il est porté à la connaissance de tous les correspondants de la Banque Nationale du Rwanda que la signature de monsieur NIYITEGEKA Gérard, désigné illégalement par le Ministre des Finances comme Gouverneur intérimaire de la Banque Nationale du Rwanda ne peut en aucun cas engager seule la Banque Nationale du Rwanda". Ngibyo rero. Aramubwira ati "uwo mugabo ashyizweho ku buryo butemewe n'amategeko ntabwo rero ashobora gusinya ngo noneho iyo signature yeme...yemerwe, yangaje (engager) amafaranga umu...a... ya Banke Nasiyonali y'u Rwanda. Umuntu rero akibaza igitera izi mvururu muri Banke Nasiyonali y'u Rwanda. Njyewe nabyita imvururu kuko ni ibintu bidasanzwe. Twavuga ko Ministre wa Finances, Bwana RUGENERA Mariko, atayobewe ushyiraho Guverineri wa Banke y'igihugu. Ntabiyobewe, nta bwo waba uri Ministre ngo uyoberwe itegeko ko Guverineri w'igihugu ashyirwaho na Prezida wa Republika akoresheje arrêté présidentiel kandi binyuze mu nama ya Guverinoma. Ibyo bintu ntiyavuga ko atabizi.

Jerari na we ubwe, ntabwo yavuga ko atazi, ndavuga NIYITEGEKA Jerari, Visi-Guverineri wa mbere wa Banke nkuru y'igihugu, ntabwo wavuga na we ko ayobewe, umuntu uhakoze igihe, ko ayobewe ko Guverineri ashyirwaho na Prezida wa Republika akoresheje arrêté présidentiel kandi binyuze muri Guverinoma. Umuntu rero akibaza icyo abo bantu koko bagamije. Icyo abo bantu bagamije. Ababikurikiranira hafi rero bakavuga ko Bwana RUGENERA Mariko na NIYITEGEKA

Jerari bashatse kuyora amafaranga muri Banke, NTIRUGIRIMBABAZI Denis agakomeza kubangira, akaba rero ari yo mpamvu bashaka kunyura inyuma kugira ngo bamushyire mu kintu cy'igihirahiro, bamutere ubwoba, noneho babe bayora amafaranga. Tukavuga rero ko ubundi Guverineri wa Banke y'igihugu ari umuntu ukomeye, akaba ari cyo gituma... akaba ari cyo gituma dosiye ye igomba kwigwa neza, ikanyura mu nama y'Abaministre noneho bagashyiraho Guverineri koko ufite mu mutwe hazima, ukora, udafite ubumuga, udafite uburwayi, udafite imiziro, ubwo rero tukavuga ko dosiye ya NIYITEGEKA Jerari n'ubwo yaba ari umuntu uzi akazi yanyura muri Conseil du Gouvernement bakareba niba ari umuntu ubikwiye, ubishoboye, ko nta miziro, ko nta burwayi yaba afite bwamubuza gukora ako kazi.

Nshuti mutwumva rero ngiyo vurugu vurugu iri muri Banke Nasiyonali, ibyo bintu bikaba bidakwiye kuko Banke Nasiyonali ari ubwonko bw'igihugu, kandi akaba ari ho hacungirwa ifaranga ry'igihugu, akaba rero ari ho akaduruvayo katakwiye guhera.
Murakoze mukomeze mwumva R.T.L.M, radiyo yanyu.

...giye GISHUSHU, Segiteri REMERA, Komine KICUKIRO hongeye kura... kuvugira amasasu muri iri joro hakaba hapfuye umuntu, hagakomereka undi, ndetse abagizibanabi bakaba bateye grenade mu bajandarume ariko ku bw'Imana ntihagire abajandarume bapfa.

Twababwiye rero ko muri iki gitondo, ubwo abaturage bafunze imihanda, bavuga bati "ibi bintu ntabwo tubyumva". Icyatumaga ba... tabyumva ni uko atari bwo bwa mbere ibyo biba muri Selire GISHUSHU, e... Segiteri REMERA, twababwiye ko mu ijoro ryo ku itariki makumyabiri n'enye rishyira makumyabiri n'eshanu na bwo havugiye amasasu y'urufaya, hanyuma hagapfa umugabo SBURIKOKO. Abaturage rero babonye byongeye, hongeye gupfa undi muntu bati "ibi ntibisanzwe", cyane cyane ko ngo abagizibanabi babonye abajandarume bahuruye noneho bakihinda bagana mu kigo Inkotanyi zibamo kuri C.N.D, bakavuga rero ko bumva Inkotanyi zishobora kuba zifitemo uruhare.

Muri iki gitondo rero abaturage bazindutse bafunga imihanda, nababwiye ko twoherejeyo abanyamakuru bacu, twoherejeyo Valeriya BEMELIKI na Georges RUGGIU, ubu rero bakaba bavuyeyo, nkagira ngo mbabwire ko hari n'abatelefona batubwira ko noneho bumva havugira amasasu, ariko abanyamakuru bacu bavuyeyo batubwiraga ko bavuyeyo ayo masasu nta yo bumva, ari abaturage bafunze imihanda gusa. Valeriya, inkuru ibara uwayigazeho, usize bimeze bite ku KIMIHURURA?

- ORATEUR BEMERIKI Valérie :

Koko hagati ya rond point iriya ijyana ku KACYIRU e... n'umuhanda uturuka i KANOMBE aho ngaho harafunze hari abajandarume babaha... bahahagaze, nta modoka ishobora kuhanyura. Ubwo ariko twe twakomeje tugera hagati, dusanga koko urenze gatoya C.N.D, abaturage bahahagaze, bahafunze, bafunze umuhanda, imodoka zagerageje kuhanyura zirahahagaze ntizishobora gutambuka, ndetse bashyize n'ibiti mu muhanda. Ubwo icyakora twakomeje gato dusanga no hirya gatoya hafi ya... ya quartier général ya MINUAR na ho hari abandi baturage bahafunze. Uko ureba urasanga ari abaturage batuye mu iyo Secteur, muri Selire GISHUSHU ya Secteur REMERA, bo rero twabegereye turababaza. Icyakora muri uko kubabaza, twasanze mu by'ukuri nta muntu ubendereza ngo nibave mu muhanda, nibagire bate. Gusa ikidutangaje na bo ubu urabona bahagaze, barahagaze mu by'ukuri koko barafata imodoka bakazihagarika aho, nta muntu bari kwendereza, nta kintu bari gutwara abantu, gusa ikidutangaje ni uko tugeze hano twumvise ko abantu bari... bariho barasa, hari amasasu menshi ari kuhumvikanira, ariko mu gihe twari duhari, ayo masasu nta yavugaga. Ubwo rero tukaba twibaza na none ukuntu byaba bigenze. Ariko mbere y'uko wenda twibaza kuri icyo kibazo, twabashyiriraho abaturage rwose bari mu mi... mu mihanda icyo batekereza, icyo bashaka, icyo bashaka kugeraho kubera ko bari mu muhanda, baravuga bati "abantu bacu bariho barapfa. Barabica, ababica turabazi. Baramara kubica bakabarasa, bakabatera grenade barangiza bagahungira mu kigo cya C.N.D". Bati "Inkotanyi zikabarinda". Ubwo bakavuga n'icyo batekereza rwose kuri MINUAR. Bati "MINUAR irahahagaze, hari imodoka za blindé zikikije iyo nzu ya C.N.D, uruzitiro rwa C.N.D", bati "bararasa MINUAR ntigire icyo ikora". Bati "noneho turashaka ko iyo MINUAR

yikubita agashyi. Ikatubwira niba koko, ese irinze abaturage? Cyangwa irinze Inkotanyi? Niba ibarinze bo... bose, igomba kubyerekana ko irinze bose, abo bantu bari kwicwa urubozo hakagira ibimenyetso bigaragara, ko bagaragaza abantu bariho babica".

Nimureke rero twumve abaturage ubwabo bibereye mu myigaragambyo rwose, impamvu bari mu myigaragambyo, icyo bashaka, ba... bagire n'ubutumwa ngo baha MINUAR ndetse n'Inkotanyi. Tubategeke amatwi.

Arakomeje Valeriya :

Ee... Mubanze mutwibwire hano turi ni hehe? Nimutubwire abo ari bo? Mutubwire...

- ORATEURS NON IDENTIFIES :

I Nyarutarama.

- ORATEUR NON IDENTIFIE :

Aha turi ni i NYARUTARAMA, aho bita ku ga centre ka GISHUSHU.

- ORATEUR BEMERIKI Valérie :

Kuki se muri mu mihanda, tubona imihanda mwayifunze byagenze bite ko imodoka zitariho zihita?

- ORATEUR NON IDENTIFIE :

Twewe dufite ibibazo by'abantu bacu bapfa, ntawo twajya duhora duhamba buri munsi.

- Abo bantu banyu bari gupfa gute? Nimudusobanurire.

- Ijoro ry'ejobundi bishe abantu, turahamba. Iri joro ni uko byaraye bigenze. Ama grenades atabarika. Ubwo se twabyihanganira?

- Uyu munsi se bwo byagenze bite? Mudusobanurire neza ukuntu byagenze, mutubwire abantu bishwe abo ari bo, abantu baje kubica aho mwabonye baturuka, nimutubwire neza.

- Mu gihe cyo mu ma saa mbiri zuzuye, hari abantu baje bagera kuri batandatu. Bari bayobowe n'umusore witwa RUSANGWA Anastazi. Bageze ino aha ngaha ni bwo e...ya... yatangiye kuza yiyenza ku muntu aramutema, amutemye abajandarume bari bahari bari muri patruyi (patrouille) baramukurikira azamuka yirukanka.

**Fin de la Face B.**